
TRANSPARENCY INTERNATIONAL RWANDA



# ISESENGURA RYA RAPORO Y'UMUGENZUZI MUKURU W'IMARI YA LETA MU MWAKA WA 2010-2011

*Mu rwego rwo kubahiriza inshingano yayo yo "Kurwanya ruswa hashimangirwa indangagaciro z'ubudakemwa mu muryango nyarwanda,'' Umuryango utagengwa na Leta Transparency International Rwanda (TI-Rw), usuzuma raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta kugira ngo ushobore gusobanukirwa neza n'ibibabazo byagaragajwe muri iyo raporo, maze ukabona gutanga inama za ngombwa zikenewe kugirango ibyo bibazo bikemuke.*
*Ubu noneho TI-Rw, ibitewemo inkunga n'umuryango GIZ, yasesenguye raporo ku Turere twose mu mwaka usoreshwa washojwe muri Kamena 2011. N'ubwo uturere tumwe na tumwe twanogeje imikoreshereze y'imari yatwo kuva ubwo twatangiraga iki gikorwa cy'isesengura mu mwaka wa 2008, bityo rero utwo turere tukaba dukwiye gushimwa, isesengura ry'imikoreshereze y'ingengo y'imari 2010 – 2011 ryagaragaje ko nta karere na kamwe kabaye indakemwa ijana ku ijana mu byerekeye icungamari no kwirinda amakosa yo mu rwego rw'iyubahiriza ry'amategeko n'amabwiriza agenga itangwa ry'amasoko ya Leta.*

*Muri raporo zasuzumwe, hari byinshi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yanenze bifite agaciro katari munsi ya FRW 70,391,299,441. Amafaranga yakoreshejwe nabi, yaburiwe irengero cyangwa atagaragazwa uko yakoreshejwe ni menshi cyane.*
*Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta ni ingirakamaro cyane kuko ari igikoresho cy'ingenzi gifasha kunoza uburyo Uturere dukoresha amafaranga tugenerwa na Leta kubera ko ayo mafaranga aba ari ay'abaturage b'u Rwanda, bityo akaba agomba gukoreshwa ku nyungu z'abaturage bose. U Rwanda ntirushobora kwihanganira ko ayo mafaranga apfushwa ubusa.*

*Mu isesengura twakoze, ibyo UMugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yanenze twabishyize mu nzego ebyiri z'ingenzi: ibyanenzwe bijyanye n'amafaranga yakoreshejwe, n'ibyanenzwe bitagira aho bihuriye n'amafaranga yakoreshejwe. Iri sesengura ry'ubwinshi bw'ibyakozwe nabi ryakurikiwe no kureba ubwiza bw'ibyakozwe ndetse n'ibiganiro mu matsinda agizwe n'abakozi b'uturere tunyuranye ndetse n'ab'urwego rw'ubushinjacyaha ndeste na Polisi y'igihgu. Ubu buryo bufasha kugereranya ibyakozwe n'uturere dutandukanye uko imyaka igenda ishira, bukanafasha kandi gutegura inama zigamije kunoza imicungire myiza y'imari ku rwego rw'akarere.*

*Intego y'iri sesengura ni ukugira ngo haboneke imibare ihamye y'ibipimo byatoranyijwe bizafasha gukurikirana buri gihe intambwe uturere dutandukanye tugenda dutera mu micungire y'imari ya Leta itugenerwa. Ku rundi ruhande, iri sesengura rigamije gusobanura mu buryo bworoshye ibyagaragajwe na Raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta no kubigeza ku bantu benshi. Ibyo tukabiterwa n'uko mu muyango TI-Rw twemera ko iyo abaturage basanzwe bumva neza kandi bagakurikirana uko Uturere dukoresha imari ya Leta tugenerwa, icyo gihe amafaranga ya Leta aba ashobora kurushaho gukoreshwa neza ku nyungu z'abanyarwanda bose.*

*Marie Immaculée Ingabire*
*Perezida w'Inama y'ubutegetsi, TI-Rw*

*Ibiro by'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta byatangaje Raporo ku buryo Uturere twose tw'u Rwanda twakoresheje imari tugenerwa na Leta mu mwaka w'isoreshwa warangiye muri Kamena 2011. Umuryango 'Transparency International Rwanda (TI-Rw) wasesenguye iyo raporo. Muri iyo raporo, harimo byinshi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta yanenze bifite agaciro k'amafaranga menshi cyane kandi nta karere na kamwe iryo genzura ryagaragaje ko kabaye indashyikirwa muri urwo rwego.*

*Umuryango TI-Rw washyize ibyanenzwe mu nzego ebyiri:* **Ibyanezwe bijyanye n'imikoreshereze y'amafaranga; n'ibyanenzwe bitagira aho bihuriye n'imikoreshereze y'amafaranga.**

## A) IBYANENZWE BIJYANYE N'IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA

Iri sesengura rigaragaza akayabo ka **Frw 21,869,752,057** yaburiwe irengero cyangwa yakoreshejwe nabi mu turere 27 bitewe no kunyerezwa, gucungwa nabi, amakosa mu kudakurikiza amabwiriza, n'ibindi.

| N# | AKARERE | UMUBARE WA Frw |
|---|---|---|
| 1 | MUSANZE | 0 |
| 2 | NYARUGURU | 0 |
| 3 | RUHANGO | 0 |
| 4 | NYAMASHEKE | 2,825,557 |
| 5 | NGOMA | 8,764,847 |
| 6 | GAKENKE | 8,932,333 |
| 7 | RWAMAGANA | 9,907,536 |
| 8 | MUHANGA | 25,683,843 |
| 9 | GISAGARA | 56,272,000 |
| 10 | GICUMBI | 73,125,530 |
| 11 | RULINDO | 142,394,607 |
| 12 | KARONGI | 192,650,456 |
| 13 | NYAGATARE | 202,023,049 |
| 14 | BUGESERA | 202,232,805 |
| 15 | KAMONYI | 305,040,321 |
| 16 | KAYONZA | 318,022,059 |
| 17 | NGORORERO | 329,546,577 |
| 18 | KICUKIRO | 598,906,328 |
| 19 | GASABO | 643,367,808 |
| 20 | NYABIHU | 723,308,436 |
| 21 | HUYE | 762,562,646 |
| 22 | BURERA | 941,073,291 |
| 23 | RUTSIRO | 1,132,621,669 |
| 24 | RUSIZI | 1,392,723,723 |
| 25 | KIREHE | 1,544,507,608 |
| 26 | NYAMAGABE | 1,582,608,710 |
| 27 | NYARUGENGE | 2,315,578,016 |
| 28 | GATSIBO | 2,383,085,911 |
| 29 | NYANZA | 2,941,778,965 |
| 30 | RUBAVU | 3,030,207,426 |
| | **IGITERANYO** | **21,869,752,057** |

### 1. Imikoreshereze mibi cyangwa inyerezwa ry'amafaranga

- Aho byagaragaye: Uturere 16;
- Amafaranga yabuze: Hafi Frw 4,920,306,697;
- Aho byagaragaye kurusha ahandi: Uturere twa NYANZA (Frw 1,704,530,823), NYABIHU (Frw 723,308,436), RUTSIRO (Frw700,308,331) na GATSIBO (Frw: 611,619,158).

### 2. Imikoreshereze mibi y'imari kenshi bitewe no kutubahiriza amategeko n'amabwiriza

- Aho byagaragaye: Uturere 19;
- Amafaranga yabuze: Frw 11,199,900,180;
- Aho byagaragaye kurusha ahandi: Uturere twa RUBAVU (Frw 2,366,198,519), NYARUGENGE (Frw 2,169,626,470), GATSIBO (Frw 1,771,466,753), KIREHE (Frw 1,544,507,608) na NYAMAGABE (Frw 1,315,277,608).

### 3. Kutubahiriza amabwiriza: Kutagira inyandiko za ngombwa, inyandiko zitariho imikono ya ngombwa no kutubahiriza amategeko n'amabwiriza

- Aho byagaragaye: Uturere 16;
- Amafaranga yabuze: Frw 3,731,262,808;
- Aho byagaraye kurusha ahandi: Uturere twa NYANZA (Frw 896,365,268), HUYE (Frw 684,296,854), RUTSIRIO (Frw 432,313,338) na NGORORERO (Frw 329,546,577 ).

*Amabwiriza yerekeye amasoko ya Leta:*

- Amafaranga yabuze: Frw 2,129,813,669;
- Aho byagaraye kurusha ahandi: Uturere twa RUSIZI (Frw 1,282,963,813), KICUKIRO (Frw 398,281,892) na GASABO (Frw 403,434,744).

**Ingero:**

**A1.** *Imishinga ya serivisi zitanga amafaranga ifashwa na VUP, gahunda ya Leta yo kurwanya ubukene, yakoreshejwe nabi ahantu hamwe. Aho hantu amafaranga yahawe amatsinda atatu y'abagenerwabikorwa ariko ibikorwa ayo mafaranga yashowemo ntibyigeze bigaragazwa ubwo igenzurwa ryakorwaga kandi ayo mafaranga ntiyari yararangije kwishyurwa n'abo yahawe.*

**A2.** *Frw 33,536,350 yishyuwe abakozi b'Akerere ka Rusizi nk'agahimbazamusyi k'ukwezi kwa 13, nyamara ibyo byari binyuranyije n'amategeko. Abahawe ayo mafaranga bagomba kuyasubiza ariko amafaranga yarasigaye kwishyurwa ntaho agaragara mu nyandiko zigaragaza imikoreshereze y'amafaranga.*

**A3.** *Mu Karere ka HUYE, amafaranga angana na 684,296,854 yishyuwe nta nyandiko zigaragaza aho yagiye. Bityo rero, nta gihamya ko ayo mafaranga yakoreshejwe neza cyangwa ko ayo ariyo yonyine yakoreshejwe*

## B)IBYANENZWE BITAGIRA AHO BIHURIYE N'IMIKORESHEREZE Y'AMAFARANGA

Ibyanenzwe bitagira aho bihuriye n'imikoreshereze y'amafaranga **bifite agaciro ka Frw 48,521,547,384** ku Turere 30. Mu byanenzwe, harimo ibyatewe n'amakosa mu rwego rw'icungamari (amakosa mu myandikire, imibare y'icungamari ifitse n'icungamutungo ridahwitse) n'amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi (kutubahiriza amategeko no kudakurikiza ibikorwa byateganyijwe mu igenamigambi ry'umwaka).

| N# | AKARERE | UMUBARE WA Frw |
|---|---|---|
| 1 | KARONGI | 190,618,911 |
| 2 | KAYONZA | 538,652,109 |
| 3 | GATSIBO | 617,175,430 |
| 4 | KAMONYI | 637,377,930 |
| 5 | NYABIHU | 736,227,248 |
| 6 | BUGESERA | 743,152,272 |
| 7 | GASABO | 908,951,462 |
| 8 | MUSANZE | 1,233,209,499 |
| 9 | GICUMBI | 1,266,933,023 |
| 10 | KIREHE | 1,269,981,105 |
| 11 | RWAMAGANA | 1,290,263,081 |
| 12 | HUYE | 1,327,461,856 |
| 13 | NGOMA | 1,366,719,578 |
| 14 | GAKENKE | 1,370,184,625 |
| 15 | BURERA | 1,437,754,519 |
| 16 | NYURUGURU | 1,559,838,420 |
| 17 | NYAGATARE | 1,629,499,092 |
| 18 | RUHANGO | 1,830,796,065 |
| 19 | MUHANGA | 1,837,881,183 |
| 20 | NYANZA | 1,844,606,228 |
| 21 | NGORORERO | 1,932,949,506 |
| 22 | RULINDO | 2,057,528,660 |
| 23 | NYAMASHEKE | 2,067,944,926 |
| 24 | NYAMAGABE | 2,081,980,399 |
| 25 | GISAGARA | 2,518,475,639 |
| 26 | RUTSIRO | 2,522,670,578 |
| 27 | RUSIZI | 2,560,147,721 |
| 28 | KICUKIRO | 2,890,886,576 |
| 29 | NYARUGENGE | 3,072,498,126 |
| 30 | RUBAVU | 3,179,181,617 |
| | **IGITERANYO** | **48,521,547,384** |

### 1. Amakosa mu myandikire y'amafaranga yakoreshejwe

- Aho byaragaragaye: Mu turere twose;
- Amafaranga ajyanye n'ayo makosa: Rwf 1,879,429,211;
- Aho byagaragaye cyane kurusha ahandi ni mu Karere ka RULINDO (Rwf 3,473,841,416).

### 2. Inyandiko z'icungamari zififitse

- Amafaranga ajyanye n'ayo makosa: Rwf 3.513.623.991;
- Aho byagaragaye cyane kurusha ahandi ni mu Karere ka NGORORERO (Rwf 1.495.049.572).

### 3. Kutubahiriza amategeko n'amabwiriza agenga itanga ry'amasoko ya Leta

- Harimo kubika amadosiye na dosiye zabuze cyangwa zituzuye;
- Aho byagaragaye: Mu Turere 10;
- Amafaranga ajyanye n'ayo makosa Rwf 3,513,623,991;
- Aho byagaragaye cyane kurusha ahandi ni mu Karere ka RUBAVU (Rwf 1.310.389.088).

### 4. Kutubahiriza amatego n'amabwiriza

- Kudatanga amasoko yari ateganyijwe muri gahunda y'amasoko yemejwe mu mwaka w'isoreshwa warangiye muri Kamena 2011. Ibyo bikaba byaratumye ibyari biteganyijwe bidashyirwa mu bikorwa cyangwa bigashyirwa mu bikorwa hatubahirijwe amategeko n'amabwiriza agenga itanga ry'amasoko ya Leta;
- Aho byagaragaye: Mu Turere 13 kuri 30;
- Amafaranga ajyanye n'ayo makosa: Rwf 1.193.77.816;
- Aho byagaragaye cyane kurusha ahandi ni mu Turere twa RWAMAGANA (Rwf 391.745.139), RUTSIRO (Rwf 193.012.766) na GASABO (Rwf 157.035.609).

**Ingero:**

**B1.** *Ibikorwa bitanditswe byakozwe kandi bitari biri mu biteganyijwe mu ngengo y'imari y'Akarere, ikinyuranyo hagati y'ibintu na serivisi hakurikijwe ibyagaragajwe mu mikoreshereze y'imari no muri raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari, ihuza mibari kwikoreshwa ry'amafaranga yo muri Banki, ibikorwa byagiye byandikwa kabiri, n'ibindi.*

**B2.** *Igiteranyo cy'amafaranga yakoreshejwe kigaragara muri raporo y'imikoreshereze y'amafaranga gitandukanye n'icyigaragara muri raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari. Uko niko byagenze mu Karere ka KICUKIRO aho ubuyobozi butashoboye gusobanura ikinyuranyo cy'amafaranga 658,183,011.*

**B3.** *Akarere ka GASABO kohereje mu mirenge inyuranye amafaranga y'u Rwanda agera kuri 322,569,467 kandi ubwo igenzura ryakorwaga nta raporo yari ihari yagaragazaga imikoreshereze y'ayo mafaranga.*

**B4.** *Igihe cyagenwe cyo gutegura inyandiko zitanga amasoko ni iminsi 30 hakurikijwe itegeko ririho, ariko Akarere ka Huye kageneye isoko rimwe iminsi 11 irindi soko karigenera minsi 7.*

## C) INCAMAKE

Ibyanenzwe byose hamwe (bijyanye cyangwa bitagira aho bihuriye n'amafaranga yakoreshejwe bifite agaciro kangana na **Frw 70,391,299,441** ku turere twose uko ari 30.

| N# | AKARERE | UMUBARE WA Frw |
|---|---|---|
| 1 | KARONGI | 383,269,367 |
| 2 | KAYONZA | 856,674,168 |
| 3 | KAMONYI | 942,418,251 |
| 4 | BUGESERA | 945,385,077 |
| 5 | MUSANZE | 1,233,209,499 |
| 6 | RWAMAGANA | 1,300,170,617 |
| 7 | GICUMBI | 1,340,058,553 |
| 8 | NGOMA | 1,375,484,425 |
| 9 | GAKENKE | 1,379,116,958 |
| 10 | NYABIHU | 1,459,535,684 |
| 11 | NYARUGURU | 1,559,838,420 |
| 12 | RUHANGO | 1,830,796,065 |
| 13 | NYAGATARE | 1,831,522,141 |
| 14 | MUHANGA | 1,863,565,026 |
| 15 | NYAMASHEKE | 2,070,770,483 |
| 16 | HUYE | 2,090,024,502 |
| 17 | GASABO | 2,169,494,700 |
| 18 | RULINDO | 2,199,923,267 |
| 19 | NGORORERO | 2,262,496,083 |
| 20 | BURERA | 2,378,827,810 |
| 21 | GATSIBO | 2,383,085,911 |
| 22 | GISAGARA | 2,574,747,639 |
| 23 | KIREHE | 2,814,488,713 |
| 24 | KICUKIRO | 3,489,792,904 |
| 25 | RUTSIRO | 3,655,292,247 |
| 26 | NYAMAGABE | 3,664,589,109 |
| 27 | RUSIZI | 3,952,871,444 |
| 28 | NYANZA | 4,786,385,193 |
| 29 | NYARUGENGE | 5,388,076,142 |
| 30 | RUBAVU | 6,209,389,043 |
| | **IGITERANYO** | **70,391,299,441** |

## D) INAMA

***Inama zigenewe ubuyobozi bw'uturere:***

- Ubuyobozi bw'uturere bugomba gukora ku buryo amafaranga yose yishyuwe hagaragazwa inyandiko n'impapuro zose za ngombwa zitanga ibisobanuro bihagije kw'ikoreshwa ry'ayo mafaranga.
- Ubuyobozi bw'uturere bugomba kongera ingufu mu rwego rw'imigenzurire y'imari mu turere (Audit interne) by'umwihariko mu migenzurire ya za konti z'akarere mu ma banki.
- Akarere kagomba gushyiraho uburyo buboneye bwo gucunga ububiko no gutegura neza raporo y'imikoreshereze y'ibintu bibitse mu bubiko.
- Akarere kagomba kubahiriza amategeko n'amabwiriza ariho agenga itangwa ry'amasoko. Amasoko yose ateganyijwe gutangwa agomba gushyirwa mu igenabikorwa rya buri mwaka kandi iryo genabikorwa rikajya rihuzwa n'ibihe kandi ibihindutse byose bikamenyeshwa Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Amasoko ya Leta.

***Inama zigenewe Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta:***

- Kutirengangiza ko iyo byihutirwa cyane abakozi b'Akarere badashobora gukurikiza amabwiriza yose; iyo bimeze bityo kandi Guverinoma igomba gutanga impapuro zose za ngombwa zikenewe kandi Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta akaba agomba kubyitaho.
- Kugerageza gusuzuma ibigo byose bigenerwa imari ya Leta aho kuryoza uturere twonyine amakosa akorwa na bene ibyo bigo.
- Kugerageza gukora igenzura ry'umwaka wose w'isoreshwa kandi rigakorwa buri gihe uko umwaka w'isoreshwa utangiye.

***Inama zigenewe Guverinoma:***

- Za Minisiteri zigomba guha uturere amabwiriza ku buryo bwo gukoresha ingengo y'imari kandi ayo mabwiriza agatangirwa rimwe n'igihe ingengo y'imari yemejwe.
- Gukora isesengura rigereranya itegeko rigenga ingengo y'imari n'amategeko agenga igenzura kugira ngo hakumirwe amabwiriza ashobora kuvuguruzanya
- Kugerageza kongera umubare w'abakozi ku rwego rw'Akarere, bashinzwe amasoko, imari, n'abashinzwe igenzura ry'imbere mu kigo.
- Guteganyiriza amahugurwa abakozi bireba bo ku rwego rw'Akarere.

**TRANSPARENCY INTERNATIONAL RWANDA**

P.O. BOX. 6252 KIGALI, RWANDA

TEL: +250 (0)788309583

TELEFONI ITISHYURWA: 2641 (gutanga amakuru kuri ruswa),

E-MAIL: INFO@TIRWANDA.ORG

WEBSITE: WWW.TIRWANDA.ORG

german cooperation
DEUTSCHE ZUSAMMENARBEIT
giz